Jya usali uhagaze, nutabishobora wicare, nutabishobora usali uryamiye urubavu

Hadithi yaturutse kwa Imran Ibun Huswayni (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nari ndwaye uburwayi bwa Hemorroides, nuko mbaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku bijyanye n'uburyo nasali, irambwira iti: "Jya usali uhagaze, nutabishobora wicare, nutabishobora usali uryamiye urubavu."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ubusanzwe gusali umuntu abikora ahagaze, cyeretse igihe atabishoboye akicara, nabyo yaba atabishoboye agasali aryamiye urubavu.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/10951